

About us



Umurage Wacu Group

It is a social enterprise, created in July 2015 by Rwandese NDAHIMANA Gilbert; librarian, heritage practitioner, writer and photographer, passionate about history, culture, traditions and tourism in general.

Vision

To Promote Rwandan and African heritage and tourism attractions through photography.

Mission

Engage and involve young people to promote Rwandan and African heritage (history, culture, traditions) by working together with the relevant authorities, local communities, and organizations aimed at promoting Rwandan and African heritages.

Objective

To promote Rwandan and African heritage (cultures, history, traditions) and tourism attractions through internet.

www.igicumbi.com

- ♦ Promotes Rwandan and African heritage (cultures, history, traditions) tourism attractions through internet.
- ♦ Publishes articles in 4 languages (Kinyarwanda, French, English and Kiswahili).
- ♦ A website for Online Exhibition for Rwandan and African artists, crafts associations and cooperatives.
- ♦ The 1st website to find information and specially about Rwandan and African heritage and tourism attractions.

Igicumbi Magazine

- Online and Printed Magazine
- Published 4 times per year (January-March, April-June, July-September, October-December)
- Distributed in libraries, cultural centers,...
- Add documents and books to read in ways to promote reading cultures.

conservation is richness



@umuragewacu



@umuragewacugroup



@umuragewacu

Ibirimo

AMATEKA.....	P.4
UMUCO.....	P.10
UBUKERARUGENDO.....	P.24
SPECIAL COVER.....	P.28
AFRICA AT UNESCO.....	P.30
INSIGAMIGANI.....	P.47
IMIKINO/ JEUX.....	P.49
RWANDA DESTINATION 2026	P.50
WARI UZI KO/DID YOU KNOW?	P.52
AMAFOTO/PHOTOS.....	P.53
IBIRORI/EVENTS.....	P.58

**Umurage Wacu
Group Team**

Kwamamaza-Marketing
Special Cover for your cultural events!
Cultural Entrepreneurs/Artists.

Igicumbi Magazine is created especially for you to transform your events, your activities, your projects into memorable experiences.

We are able to make your events to be memorable by making a special cover and you will have; printed (able to be distributed and online (able to be shared)).

Plus photos of your events .

Mutwandikire/Contactes-Nous/Contact us:
Email: umuragewacugroup@gmail.com
Tel +250796512151



Kwamamaza-Marketing
Special Cover for your Book Launching!
Authors/Writers

Igicumbi Magazine is created especially for you to transform your book launching into memorable experiences.

We are able to make your events to be memorable by making a special cover and you will have; printed (able to be distributed and online (able to be shared)).

Plus bookphotos of your book launching.

Mutwandikire/Contactes-Nous/Contact us:
Email: umuragewacugroup@gmail.com
Tel +250796512151



Kwamamaza-Marketing
Special Cover for your Tours!
Tourism Operators.

Igicumbi Magazine is created especially for you to transform your tours into memorable experiences.

We are able to make your events to be memorable by making a special cover and you will have; printed (able to be distributed and online (able to be shared)).

Plus bookphotos of your tours.

Mutwandikire/Contactes-Nous/Contact us:
Email: umuragewacugroup@gmail.com
Tel +250796512151



AMATEKA—Umushyikirano 20

Umushyikirano 20: Imyanzuro yafatiwe mu nama y'Igihugu y'Umushyikirano umwaka wa 2026



Mu mateka y'abanyarwanda kuva kera baricaraga bakaganira, bakungurana inama n'ibitekerezo byatuma igihugu gitera imbere, gikomera mu nzego zitandukanye: umutekano, ubukungu, imibereho y'abaturage ... Ni yo mpamvu inama y'Umushyikirano yagiye muri gahunda ya Leta yo guhuza abantu batandukanye bakaganira ku buzima bw'Igihugu.

Inama y'Umushyikirano yateraniye i Kigali ku nshuro ya 20 kuva tariki 05 kugeza tariki 06 Gashyantare 2026 iyobowe na Nyakubahwa Perezida wa Repubulika Paul Kagame, yafatiwemo imyanzuro 12, harimo irebana n'ubukungu, imibereho myiza n'imiyoborere.

Inama yabereye muri Kigali Convention Center.

Umushyikirano wo ku nshuro ya 20 wateraniye i Kigali kuva ku wa 5 kugeza ku wa 6 Gashyantare, uyobowe na Nyakubahwa Perezida wa Repubulika y'u Rwanda, Paul KAGAME.

Mu bitabiriye Umushyikirano, harimo abayobozi batandukanye n' abahagarariye abikorera, Abanyarwanda baba mu mahanga, abahagarariye ibihugu byabo mu Rwanda n' imiryango mpuzamahanga, n'abandi bafatanyabikorwa, n' itangazamakuru.

Mu ijamba ritangiza Umushyikirano, Nyakubahwa Perezida wa Repubulika yibukije akamaro ku ishyirwa mu bikorwa ry'imyanzuro iwufatirwamo nk' inkingi mu iterambere ry'Igihugu cyacu mu guharanira kwigira. Yagarutse kandi ku ruhare rw'abayobozi mu gufasha Abanyarwanda kunga ubumwe, kwigira no kwigirira icyizere. By'umwihariko, yasabye abayobozi kurushaho kunoza imikorere n'imikoranire, bashyira iteka umuturage ku isonga kandi bagahora biteguye kubazwa ibyo bashinzwe.

Ibiganiro byatangiye muri uyu Mushyikirano byibanze ku ngingo zikurikira:

- ♦ Ishyirwa mu bikorwa rya Gahunda y'Igihugu yo kwihutisha iterambere (NST2);
- ♦ Iterambere ry'ubukungu burambye;
- ♦ U Rwanda mu ruhando mpuzamahanga;
- ♦ Imiyoborere myiza, uburezi n'umurimo.

Nyuma yo kungurana ibitekerezo kuri ibi biganiro, hafashwe imyanzuro ikurikira:

I. UBUKUNGU

1. Kunoza itegurwa n'ikurikirana ry'imishinga kugira ngo irangire ku gihe cyateganyijwe, igere ku ntego zayo kandi ababishinzwe bakabibazwa.
2. Gukomeza guteza imbere ibikorwa by'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro no kuyongerera agaciro.

Amateka—Umushyikirano 20

3. Gushimangira ingamba zo kongera umusaruro w'ubuhinzi n'ubworozi, hongerwa ifumbire n'imbuto z'indobanure, serivisi zo kuhira no gutera intanga hifashishijwe ikoranabuhanga.
4. Gufasha by'umwihariko inganda, hagamijwe kongera umusaruro n'ubushobozi bwo guhatana ku isoko, kongera agaciro k'ibyo zikora no gukemura ikibazo cy'ibyo gupfunyikamo ibicuruzwa.
5. Gukemura ibibazo bikigaragara muri za One Stop Centres binyuze mu kunoza no koroshya inzira n'amabwiriza no gukangurira abaturage kumenya neza ko izi serivisi zibaho.
6. Kwihutisha ibikorwa byo guhuza SACCO ku rwego rw'uturere no ku rwego rw'Igihugu.

II. IMIBEREHO MYIZA

7. Kurushaho kunoza ingamba zo kuzamura ireme ry'uburezi kugira ngo buhuzwe n'ibikenewe ku isoko ry'umurimo, guteza imbere impano z'abanyeshuri no kunoza by'umwihariko imyigishirize y'indimi cyane cyane icyongereza.
8. Guteza imbere ibikorwa by'imyidagaduro by'urubyiruko, impano zarwo no kurwongerera ubumenyingiro n'ubushobozi birufasha kubona imirimo no kwiteza imbere.
9. Gufasha Abanyarwanda bakoresha imbuga nkoranyambaga koroherezwa mu buryo bukwiye, kubona umusaruro w'amafaranga uzikomokaho.

III. IMIYOBORERE

10. Gukomeza kunoza itegurwa ry'imihigo hagamijwe gukemura ibibazo by'abaturage, gutanga serivisi nziza no kunoza umurimo.
11. Kunoza ingamba zo kwegera abaturage no kubafasha guhindura imyumvire kugira ngo barushaho kugira uruhare mu ikemurwa ry'ibibazo bikibangamiye imibereho myiza n'iterambere.
12. Gushyira imbaraga mu ngamba zo gukumira ikibazo cy'inda ziterwa abangavu, abana bata ishuri n'ikoresha ry'inzoga n'ibiyobyabwenge.

Amateka—Ahantu



Ibintu 21 wamenya ku mariba ya Bukunzi

Amariba ya Bukunzi ni amariba azwi mu mateka y'u Rwanda kuva kera, ni amariba avugwaho ibintu byinshi kandi bikomeye.

Dore **ibintu 21** ukwiriye kumenya ku Mariba ya Bukunzi.

Amateka—Ahantu

1. Ahitwa mu Mariba ya Bukunzi ni ho hari ivubiro rya Ndagano wategekaga u Bukunzi ku mwaduko w'abazungu.
2. Bukunzi yari iherereye mu Majyepfo y'Iburengerazuba bw'u Rwanda, ihana imbibi n'uturere tw'u Busozo, i Cyesha, Impara, na Biru ndetse n'igihugu cy'u Burundi.
3. U Rwanda rwigarurira i Kinyaga mu kinyejana cya 18, u Bukunzi bwari mu gice cyafashwe n'umutwe w'ingabo z'Impara, ari na cyo cyatumye aho hantu hose hitwa Impara.
4. Mu mpera z'icyo kinyejana, Umwami Kigeri III Ndabarasa yategetse umutware w'Impara, Rwanteri, kugabira u Bukunzi umuvubyi witwaga Kija. Kuva ubwo u Bukunzi bwabaye impugu yigenga itegukwa n'Abami b'Abavubyi bakomoka kuri Kija, bagatura ikoro umwami w'u Rwanda ndetse n'umutware w'Impara.
5. Abanditsi b'amateka bavuga ko Kija yageze mu Bukunzi akomotse i Rwingi hakurya ya Rusizi. Kubera ubuhanga yari afite bwo kuvuba imvura, uwo muvubyi ntiyatinze kumenyekanana no kuba ikirangirire mu Rwanda. Umwami amumenye amugabira u Bukunzi kugira ngo ajye amuvubira imvura igihe yabuze.
6. Kuva u Bukunzi bubaye impugu yigenga kugeza igihe yavaniweho n'abakoronu b'Ababirigi mu w'1925; yategetswe n'Abami barindwi kandi bose bari Abavubyi.
- Abo ni: **Kija I Gisuma, Ngoga, Kabeja, Ruzigamanzi, Kija II, Ndagano Ruhagata na Ngoga Bihigimondo.**
7. Buri gihe uko umwami w'u Rwanda yatangaga hakima undi, impugu y'u Bukunzi yatangaga abantu babiri bagapfa, bakaba 'imisego y'umwami'. Hatangwaga umuhungu n'umukobwa, umuhungu akajugunywa mu gishanga cya Nyagafunzo kiri hafi yo ku Karambo, naho umurambo w'umukobwa bakawohereza i Bum-bogo.
8. Umwami Ruganzu II Ndori ngo ni we wategetse abanyabukunzi kujya batanga imisego y'umwami.
9. Mu myaka ya nyuma y'ingoma y'u Bukunzi, uwamenyekanye cyane ni umugabekazi Nyirandakunze. Uyu mugabekazi yari umugore wa Ndagano, akaba nyina wa Ngoga Bihigimondo.
10. Umwami wa nyuma wa Bukunzi. Nyirandakunze yavukaga mu Busozo, akaba igishegabo, ndetse ngo ni we wategekeraga umuhungu we.
11. Ubutegetsu bw'Ababirigi bufatanyije na Rwagataraka wategekaga i Kinyaga bwagabye ibitero bitatu mu Bukunzi. Icyamba mbere cyagabwe muri Mata 1923, kigabwa n'abasirikare boherejwe na Keyser; kiratsindwa. Icyakabiri cyagabwe n'ingabo zoherejwe na Adiminisitarateri Fiolle tariki 12—14 Werurwe 1924, i Bwami barahunga.

12. icyo gihe ngo Nyirandakunze yahungiyeye mu ishyamba cyimeza rya Cyamudongo aribamo umwaka wose.
13. Iryo shyamba Nyirandakunze yahungiyemo ubu ni igice cya Pariki y'igihugu ya Nyungwe, ariko abaturage barituriye banyita Ishyamba rya Nyirandakunze cyangwa mu Ryanyirandakunze.
14. Igitero cya nyuma ari na cyo cyatsinze u Bukunzi cyagabwe tariki 09 Werurwe 1925.
15. Aho umwami n'umugabekazi bihishe hari hamenyekanye bahatera mu ijoro ryo kuri icyo tariki, Nyirandakunze baramurasa kuko yarwanyije abaje kumufata, Ngoga arakomereka arafatwa ajya gufungirwa i Kigali ari na ho yaguye mu Ukwakira 1925, naho Bigirumwera aracika ahungira muri Repubulika Iharanira Demokarasi ya Kongo. Ingoma y'u Bukunzi ihera icyo.
16. Aho amavubiro ya Ndagano yahoze hitwa mu Bwiza bwa Bweramvura ya Mataba.
17. Ni agashanga gato karimo amazi menshi, gafite ubuso nk'ubwa metero kare (m²) 150, karimo ibyatsi by'imigugu babohesha ibirago, igiti cy'umugano, igihondohondo n'imizibira.
18. Ako gashanga gakikijwe n'imiri-ma bahingamo ibigori, ibisheke, n'ibindi. Muri ako gashanga ngo kera harimo amahembe Ndagano yavubishaga. Abahatuye bavugaga ko yari amahembe abiri y'inzovu iry'ingore n'iry'ingabo.
19. Ku ngoma ya Kayibanda, umutwa witwaga Rwibasira ariko we akiyita Rwibasira gusiga umwami wo mu Mataba, ngo yakuyemo ihembe rimwe arishyira bene Ndagano aho bari barahungiyeye i Murenge. Irindi hembe ngo riracyarimo kugeza magingo aya, akaba ari yo mpamvu abahahinga n'abahaturiyeye birinda kunywa amazi yaho, dore ko ngo n'icyo bahahinga babona igishanga gitigita!
20. Mu Bwiza bwa Bweramvura ya Mataba hahanamiwe n'agasozi ka Rwamaraba, ngo akaba ariko Ndagano yicaragaho avuye kuvuba ari kumwe n'umutwa witwaga Rudakemwa wamutwazaga ingoma na yo yakoreshwaga muri icyo mihango.
21. Ubu ni ku nkengero z'ishyamba rya Cyamudongo, mu Mudugudu wa Rwamaraba, Akagari ka Mataba, mu Murenge wa Nkungu, Akarere ka Rusizi; ku muhanda uva i Nkungu ujya mu Mataba.

Gusoma 2026, ibitabo 12 ukwiriye gusoma



Ni ibitabo wasoma nibura buri kwezi ugasoma igitabo. Ugendeye kuri buri kwezi wabasha gusoma ibitabo 12 muri uyu mwaka.

Ibitabo bivuga ku bintu bitandukanye: amateka, ubushobozi, umuco, ubuzima, iterambere, ubuyobozi, urukundo... Byanditswe n'Abanyarwanda, Abanyafurika n'ibindi byanditswe n'abandi bifite ubutumwa bwiza.

Umuco—Gusoma 2026

30 days /Change your habits, Change your life (Mutarama)

Ni igitabo cy'umwanditsi Marc Reklau kivuga ukuntu wahindura imyitwarire n'ubuzima mu minsi 30 gusa bikagufasha kuba undi muntu. Niba hari ikintu ushaka kugeraho, hindura imyitwarire yawe, birashoboka. Kiri mu rurimi rw'Icyongereza.

Shyira imbaraga mu byo ushaka, ureke ibyo wahombye.

Niba utekereza ko wabishobora, ni ukuri, niba utekereza ko utabishobora ni ukuri.

Mutarama ni ukwezi kwa mbere mu mwaka, watangira umwaka ufite ingamba ushaka kugeraho, ufite imyitwarire ushaka guhindura.

Avant Toi (Gashyantare)

Ni igitabo cy'umwanditsi Jojo Moyes, kivuga ku nkuru y'urukundo hagati ya Will na Lou. Nyuma y'aho Will agiriye impanuka ikomeye, agatakaza icyanga cy'ubuzima; Lou umukobwa ukiri muto, ufite imbaraga yamubereye umurwaza.

Amagambo meza no gusetsanya hagati yabo, Will yatumye Lou amwiyumvamo mu gihe we yari azi ko arimo kumufasha kumuha icyizere cyo kubaho. Umwanditsi asobanura byinshi kuri urwo Rukundo. Kiri mu Gifaransa.

Gashyantare ni ukwezi k'urukundo!

From Exile to Legacy (Werurwe)

Ni igitabo cy'umwanditsi Mutesi Gasana, inkuru ya *Mulisa* igaragara nk'inkuru yuje ubuzima bwa muntu, ikurikirana urugendo rw'umuhungu wavukiye mu buhungiro, agaruka mu gihugu cye cyari

cyararanzwe n'igihombo, gukira ibikomere no kwiubakira buri bushya.

Inkuru iva kure y'agahinda n'amakuba, igashyira imbaraga ku gukomeza kubaho no kubakira ejo hazaza: uko kwibuka bihinduka indangamuntu, uko igihombo gihinduka intego, n'uko abantu baba abaragwa b'amateka y'abo bakomokaho.



Umuco—Gusoma 2026

Muri ubu buryo, *Mulisa* ahagarariye igisekuru cy'Abanyarwanda bavukiye cyangwa bakuriye mu buhungiro, abagarutse bakiyubaka, kandi ubu basobanura icyo “umurage” bivuze mu Rwanda rw'iki gihe.

Binyuze muri ibi, igitabo kibaza ikibazo gikomeye cyane: Bisobanuye iki kubaho mu izina ry'abatabasha gukomeza kubaho? **Igitabo ki-boneka muri Arise Bookshop**

Tariki ya 8 Werurwe, ni Umunsi Mpuzamahanga w'Umwari n'Umutegarugori.

A Broken Life (Mata)

Ni igitabo cyanditswe na Judence Kayitesi, gishushanywa na Birindwa Jean Claude cyasohotse mu mwaka wa 2021. Umwanditsi Judence avuga kuri Jenoside Yakorewe abatutsi mu 1994 mu Rwanda, yari afite imyaka 11, ku bw'amahirwe abasha kuyirokoka. Nyuma y'imyaka abasha kuvuga ibyabaye icyo gihe, no ku hahise he.

Mu gitabo, asoza asaba abarokotse kugira imbaraga zo kwandika kuri jenoside yakorewe abatutsi, bikazabera isomo abazavuka nyuma.

Tariki ya 7 Mata, ni umunsi wo Kwibuka Jenoside Yakorewe Abatutsi mu 1994.




Lumba Congolaise/La Reconnaissance de l'UNESCO (Gicurasi)

Ni igitabo cy'umwanditsi Ribio Nzeza Bunketi Buse, umuyobozi w'ishami ry'Umuco muri Kaminuza ya Senghor (Alexandrie Egypte) agaragaza impamvu icumi zatumye umuziki w'injyana ya Lumba y'Abanyekongo ujya mu mirage y'isi muri UNESCO.

Tariki ya 5 Gicurasi buri mwaka ni umunsi mpuzamahanga w'imirage y'isi yo muri Afurika.

How to be Disciplined (Kamena)

Ni igitabo cy'umwanditsi Sheldon Howe kivuga ukuntu ugize imyitwarire myiza, kumenya gukoresha igihe, kubona umusaruro uhagije, gusubika ibintu byinshi bifite akamaro mu buzima.



Umuco—Gusoma 2026


Kwigirira imyitwarire myiza bituma ukora ibintu ushaka gukora, n'ubwo waba udafite ubushake.

Imyitwarire myiza ni ingezi buri munsu mu kuyobora ibyo ukora, imitekerereze n'amarangamutima.

Igirire icyizere nyuma uzabona uburyo bwo kwerekana ibyo ushoboye no kubona imyitwarire myiza yo gutera imbere.

Mu mwaka hagati, umuntu aba akwiriye gutekereza uko arimo kwitwara mu mwaka arimo, ese arimo gukoresha igihe neza cyangwa kubona umusaruro mu byo akora? Ni igihe cyiza cyo gusoma iki gitabo.

Homme de Fer/Conversation avec Paul Kagame (Nyakanga)



Ni gitabo cy'umunyamakuru François Soudan wa Jeune Afrique yanditse kuri Perezida wa Repuburika y'u Rwanda Paul Kagame, cyasohotse mu 2015.

Muri iki gitabo harimo amazina y'abantu b'inshuti za Perezida Kagame nka Bill Gates, Bill Clinton, Ben Affleck, Natalie Portman, Howard G. Buffet n'abandi bazwi bafata Perezida Kagame nk'umuntu w'igitangaza. We wabashije kongera kubaka abaturage n'igihugu kivuye mu ivu/icuraburindi rya jenocide yo mu kinyejana cya 20.

Kivuga uburyo Perezida Paul Kagame wari impunzi, akayobora urugamba ku bw'impamvu nyuma akaba umukuru w'igihugu gifite intumbero y'iterambere n'ubukungu. Ni gitabo kivuga byinshi ku Rwanda.

Tariki ya 4 Nyakanga, ni umunsi wo Kwibohora.

Indangagaciro z'umuco w'u Rwanda (Kanama)

Ni gitabo cyanditswe n'inteko y'umuco, kivuga ku ndangagaciro z'umuco w'u Rwanda ko ari inkingi shingiro z'imibereho, imyitwarire, n'ubumwe bw'Abarwanda. Zirimo gukunda igihugu, ubumwe, ubupfura, umurimo, n'ubutwari.

Izi ndangagaciro zikubiyemo guha agaciro ikinyabupfura, gusangira, gufata-nya (Umuganda), no kwimakaza ubudaheranza.

Ukwezi kwa Kanama, mu Rwanda twizihiza umuganura. Ni byiza gusoma iki gitabo rwose ukamenya byinshi ku muco w'u Rwanda. (kiboneka kuri internet muri pdf)

Kuwa Gatanu wa mbere w'ukwezi kwa Kanama, ni umunsi w'Umuganura.

Umuco—Gusoma 2026



Si Kigali était contée (Nzeri)

Ni igitabo cyanditswe n'Umufaransa Daniel Le Scornet, kivuga ku Mujiyi wa Kigali, amateka y'imibereho, iyobokamana, umujiyi, umuco, igisirikare n'ubutegetsu bw'umurwa mukuru w'u Rwanda kuva mu gihe cy'ubutegetsu bw'abami, abakoroni, repuburika kugeza kuri jenocide yakorewe abatutsi muri Mata 1994 kugeza ku iterambere.

Tariki ya 27 Nzeri, ni Umunsi Mpuzamahanga w'Ubukerarugendo.

Ipfuno ry'urukundo rw'Igihugu (Ukwakira)

Ni igitabo cy'umwanditsi/umuhanzi Abayisenga yanditse mu 2013 kivuga ku ipfuno ry'urukundo rw'Igihugu. Ni igitabo yanditse ashaka gutanga ubutumwa bwo kurwanya ingegabitekerezo ya Jenocide, nk'umuntu washinze club mu 2004 muri G. S. Kibihékane, aho yigaga, "Club Anti idéologie Génocidaire".

Tariki ya 1 Ukwakira, ni umunsi wo Gukunda Igihugu.



Le Verbe Libre ou le Silence (Ugushyiryo)

Ni igitabo cy'umwanditsi w'Umunyasegali Fatou Diome, avuga ukuntu akunda kwandika, akamaro ko kwandika muri rusange. Asobanura ko kwandika ari umuhamagaro w'umuntu ku giti cye, kandi ko biri ngombwa.

Agira ati: "Twandika kubera ko tutabaho tutandika."

Akebura abakosora ibitabo, ko muri bo harimo abashaka kuyobora abanditsi uko bashaka.



The Let Them/theory (Ukubozza)

Ni igitabo cy'umwanditsi Mel Robbins, gitanga inama z'ukuntu wareka ibintu bikagenda, ugatekereza ibindi cyangwa ugakora ibindi. Kugira imbaraga n'ubushobozi bwo kwemera ko ibintu bigenda, biva mu buzima bwawe.

Hagarika guta umwanya mu bintu udashobora kuyobora.

Reka batekereze nabi kuri wowe. Umwanditsi avuga ko igihe abantu bakuvuye nabi nta cyo wabihinduraho, urabareka wowe ukabaho cyangwa ugakora ibiguha amahoro.

Mu kwezi kwa nyuma k'umwaka, reka ibitarashobotse muri uyu mwaka bigende, utekereze ku mwaka mushya.

Umuco—Ibitabo bishya 2026


Gusoma 2026, ibitabo byasohotse Mutarama—Werurwe 2026

Umwaka mushya, Ibitabo bishya! Mu rwego rwo kumenyekanisha ibitabo bishya, buri ntangiro z’umwaka mushya, twerekana ibitabo bishya byamuritswe mu mezi atatu abanza (Mutarama-Werurwe).

Dore bimwe mu bitabo byamuritswe:


Igitabo: Farming for Wealth

Ni igitabo cyanditswe n’umushoramari, rwiyekezamirimo Dr. Sina Gérard cyasohotse tariki ya 8 Mutarama 2026. Nka rwiyekezamirimo washoye imari mu buhinzi n’ubworozi, akabyaza inyungu zigaragara ibyo bikorwa. Muri iki gitabo agaragaza urugendo rw’ibikorwa bye bitandukanye akomora ku buhinzi n’ubworozi.



Umuco—Ibitabo bishya

Igitabo: Umurage w'Urubyiruko




Ni igitabo cyanditswe na Yolande Mukagasana, cyasohotse mu ntangiriro z'uyu

mwaka, ku wa 10 Gashyantare 2026. Ni igitabo kivuga ku mateka ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, gifite amapaji 192.

Kigamije gufasha urubyiruko gusobanukirwa amateka y'Igihugu, kwirinda ingengabitekerezo ya jenoside no kubaka ubumwe. Ni igitabo umwanditsi yageneye urubyiruko kugira ngo bamenye amateka hatazagira abayagoreka bitewe n'uko nta ho babonye bakuramukuru yizewe.

Igitabo: "Addolorata"



Bishatswe ku vuga

“Umunyamibabaro”, ni igitabo cyasohotse tariki ya 18 Gashyantare 2026 muri Paruwasi yaragijwe Yezu Nyirimpuhwe mu Ruhango, cyanditswe na Padiri Eugène Niyonzima, Umupadiri wo mu muryango w'Abapalotini.

Ni igitabo kivuga ku rugendo rwo gukura ibikomere, umwanditsi asobanura ko igitabo yise Addolorata yacyanditse bishingiye ku byo yagiye ahura na byo mu guherekeza abantu bafite ibikomere. Aba ni bo bahagarariwe n'uyu "Addolorata" uvugwamo. Ati: "Ni igitabo gikubiyemo inkuru y'umubyeyi nise Addolorata, wababaye cyane akagira ibikomere byinshi bigera kuri 5 birimo: Guhabwa akato, gutereranwa, gucishwa bugufi, kugambanirwa no gukorerwa akarengane gakomeye."

Muri iki gitabo, padiri Eugène asobanura inzira 12 Addolorata yanyuzemo kugira ngo akire ibikomere. Muri izo nzira harimo; Gufata icyemezo cyo kutihorera no guhagarika akarengane; Kwemera ikibi wagiye; Kugira umuntu wizera usangiza ibyakubayeho; Gusobanukirwa ubwoko bw'igikomere wagize; Kwakira no guha umurongo uburakari bwawe; Kwibabarira; Kugerageza kumva uwaguhemukiye; Guha igisobanuro cyiza igikomere cyawe; Si byiza kubabarira ngo werekane ko ukomeye; Kwegera Imana no kurushaho; Kwiyunga hagati y'uwababaye n'uwababariwe.

Inzira 4 zihindura impumuro y'ubuzima ari na zo uwaherekezaga Addolorata yifashishije kugira ngo abashe kumufasha gukura ibikomere bye.


Umuco—Ibitabo bishya

Igitabo: Joséphine: Seule sur ma Colline

Igitabo cyanditswe na Uwimana Joséphine, cyasohotse muri Gashyantare 2026, kuri ubu utuye mu muji wa Liège mu Bubiligi yamuritse igitabo yanditse kigaraza uburyo yarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi mu nzira y'inzitane agareranya no gusigara ari umwe ku musozi w'iwabo.

Joséphine: Seule sur ma Colline, ugenekereje mu Kinyarwanda, bivuze 'Joséphine: Ku musozi wa nyenye'. Ni igitabo kiri mu bice bitatu harimo ikigaruka ku buto bwe kugeza ahatse umugabo, igihe cya Jenoside ndetse na nyuma yayo.

Igitabo: The Force Behind the Vision: RDF and Rwanda's Development Agenda



Ni igitabo cyamuritswe muri Gashyantare 2026, cyanditswe n'umwanditsi Hategekimana Richard, Umuyobozi Mukuru w'Urugaga rw'Abanditsi mu Rwanda, ni igitabo kivuga ku budasa bw'Ingabo z'u Rwanda, RDF, yemeza ko indangagaciro zazo zikwiye kuranga abandi muri buri nzego mu guteza imbere Igihugu. Gifite amapaji 400, kigaruka ku budasa bwaranze ingabo z'u Rwanda

Kuva hagishingwa RPA, yabohoye Igihugu ikanahagarika Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, avuga ku ntambara, agaragaza indangagaciro zaziranye n'uburyo zagize uruhare mu nzego zose z'iterambere ry'Igihugu.

Igitabo kigaragaza uruhare rwa RDF mu ngabo z'u Rwanda, aho zitanga umusanzu mu kubaka umutekano, gushyigikira gahunda z'iterambere, guteza imbere ubumwe bw'Abanyarwanda no gushyira Igihugu ku murongo w'icyerekezo cy'iterambere rirambye n'imiyoborere myiza.

Muri icyo gitabo kandi yasobanuye uko RDF yakomotse kuri RPA, zikaba ari ingabo zaranzwe n'indangagaciro nyinshi zirimo gukunda Igihugu, ubutwari, ikinyabupfura, kugira icyerekezo kandi RDF ni ingabo za ndabizi, ndabikora na ndabiheranira.

Umuco—Ibitabo bishya

Igitabo: The Pride of Tomorrow

Bivuga: 'Ishema ry'Ejo Hazaza'. Ni igitabo cyamuritswe tariki ya 15 Werurwe 2026, cyanditswe na Mutoni Christine, cyigisha by'umwihariko urubyiruko icyo bisaba kugira ngo rutegure ejo hazaza heza harwo. Ni igitabo kigaraza imyitwarire ikwiriye mu rubyiruko, kikerekana abo dufata nk'in-tangarugero cyane cyane ababohoye Igihugu kugira ngo ubwo butwari bagize na twe tubukomeze tutazabatenguha.

Igitabo: Université m'a trahie

Ni igitabo cyamuritswe muri Werurwe 2026, cyandikwa na Numukobwa Assumpta kivuga ku mateka y'abanyeshuri n'abandi biciwe mu yahoze ari Kaminuza Nkuru y'u Rwanda mu gihe cya Jenoside yakorewe Abatutsi adakwiye kwibagirana, ahubwo akwiye guhora atanga isomo ryo kwanga ikibi.


Muri iki gitabo atangamo ubuhamya bwe, ubw'umuryango n'urugendo rw'ishuri mbere, muri Jenoside yakorewe Abatutsi na nyuma yayo. Agaragaza ko uburezi bukwiye kugira uruhare mu kubaka umutimanama aho gusenya no kubiba urwango.

Igitabo: Les Muzungus ne Craignent rien.

Ni igitabo cyasohotse muri Werurwe 2026, cyanditswe na Kabarari Valens



Umuco—Gusoma



Iminsi 21 yagufasha gukunda gusoma ibitabo uyu mwaka

Gukunda gusoma ibitabo ni ingenzi mu buzima, bifasha kuba umunyabwenge, kumenya ibintu byinshi, gutekereza cyane, kugira amakuru kurusha abandi, kwandika ibitabo, inkuru n'ibindi. Ku-bera ko iyo ufite ubumenyi bituma wumva wabusangiza abandi.

Ubushakashatsi bwagaragaje ko ikintu witoje iminsi 21, uhozaho ki-ba kikugiye mu maraso no mu bwonko. Ikintu wumva ushaka kugi-ra umuco mu buzima bwawe ugikora mu minsi 21, iba ihagiye kugira ngo kube ikintu gihoraho mu buzima bwawe.

Ntabwo abantu basoma ibitabo bimwe; **wasoma Bibiliya, Koro-wani, Magazine, ibinyamakuru, Inkuru z'urukundo, iteram-bere, ubukungu, ubumenyi bw'isi, amateka, ubuzima, siporo, ibitabo bivuga kuri sinema wakunze, ...**

Muri uyu mwaka, wakwiha gahunda yo gusoma amapaji 5, nibura iminota 30 buri munsi

Umuco—Gusoma

Mu gihe cy'iminsi 21, bizagufasha kubigira umuco mu buzima bwawe bwose.

Iminota 6 waburiye mu gitabo, iruta amasaha 6 ku mucanga. Bituma ukora isuku y'ubwonko.

Ni ikintu umuntu wese yakora, abana, urubyiruko n'abakuze. Abakuru bakabikorera abana, abana bagakura byarabagiyemo.

Buri gitondo

Gufata ingamba zo gusoma igitabo buri gitondo byagufasha kubigira umuco. Kikaba ikintu gishya mu buzima bwawe.

Bisaba kwiha umwanya mu byo wari usanzwe ukora mu gitondo, ukongera amasaha wabyukiraga kugira ngo ubone iminota yo gusoma.

Ushobora gusomera mu buriri cyangwa ukajya ahantu, ukicara ukisomera igitabo, urimo unywa nk'amazi cyangwa icyayi.

Ugiye ku kazi cyangwa ku ishuri

Ni uburyo bwiza bwo gusoma, ugiye ku kazi cyangwa ku ishuri. Ushobora gufata igitabo, ukagenda ugisoma cyangwa ufite Igitabo cy'amajwi (audio) ukagenda ucyumva. Birinda kugenda urangaye, utekereza ibintu byinshi (ibibazo, ibyifuzo..) bifasha kugenda hari ubumenyi bundi urimo kwiyoungura.

Gusoma uri mu rugendo ni akanya keza ko ku ruhura amaso yacu kuri telefone, ubwonko bukaruhuka kubera imbaraga dukoresha tureba kuri ekara (Ecran). Bisaba kubanza kumva ingaruka zo kureba cyane kuri ekara maze ugafata ingamba zo kuruhura amaso n'ubwonko.

Mbere yo kuryama

Ni iki ukora mbere yo kuryama? Ni byiza kubanza kuva mu byo wiriwemo, ugafata igitabo ukagisoma. Ubushakashatsi bwerekana ko gusoma mbere yo kuryama bituma usinzira neza. Gusoma bituma ubwonko buruhuka neza, maze wajya gusinzira ukabona ibitotsi byihuse.

Ushobora kutabikora iminsi yikurikiranya, ariko utagiye usiba cyane, rwose iyo ubashije kuyirangiza ukora icyo kintu, kiba cyakugiyemo. Ntabwo wirirwa ukomeza kucyitoza.

Umuco—Amasomero

Kacyiru, igicumbi cy'amasomero akomeye mu Rwanda



Mu murenge wa Kacyiru mu karere ka Gasabo habarizwa amasomero akomeye mu Rwanda, ni amasomero yakira abantu batandukanye kandi usangamo ibitabo bishya, byihariye, ibitabo bya kera bivuga ku bintu byose.

Amasomero afasha abantu kugira ubumenyi, kubona ahantu ho gusomera, kwandika, amahugurwa, kumurika ibitabo, gukora ubushakashatsi, kwigisha, n'ibindi.

Umuco—Amasomero

1. Isomero rya ‘Kigali Public Library’

Ni isomero ryafunguwe n’umufasha wa Perezida wa Repuburika



Jeanette Kagame mu mwaka wa 2012.

Iri isomero rifite ibitabo bitandukanye mu ndimi zitandukanye; ku ngeri z’abantu batandukanye; abana, urubyiruko n’abakuze. Isomero ryubatse neza kandi rifite ahantu ho kwigira, gusoma, gukora ubushakashatsi, kwandika, kumurika ibitabo, ibiganiro n’ibindi.

Rikora kuvu ku wa Mbere kugera ku wa Gatanu: 8am—7pm.

Ku wa Gatandatu-Cyumweru: 8am—5pm.

Ku muganda: 1pm-5pm.

Ryakira abantu bose kandi kurigana ni ubuntu.

2. Isomero rya ‘American Center Kigali’

Ni isomero rikorera muri Ambasade ya Leta Zunze Ubumwe za Amerika mu Rwanda, riri mu masomero amaze igihe kirekire mu Rwanda. Isomero rifite ibitabo byinshi, byiza kandi bishya mu ndimi zitandukanye. Ni ahantu heza ho kumenyera ibintu byinshi kuri Amerika ndetse no ku bindi bihugu yaba politiki, ubukungu, ikoranabuhanga, demokarasi, itangazamakuru, icyongereza, kwigisha,... Ritegura ibikorwa (kwerekana Filimi, kwigisha icyon-



gereza, amahugurwa ku itangazamakuru na demokarasi, amakuru ku kwiga muri Amerika, ibiganiro byubaka ... aho abarituraye n’abarigana babasha kubyitabira. Rigira n’ibitabo (E-books) biboneka kuri interineti (Internet).

Rikora ku uwa Mbere kugera ku wa Kane: 9am-4pm

Ryakira abantu bose kandi kurigana ni ubuntu. Rifunga ku minsi y’ikiruhuko yo mu Rwanda no muri Amerika.

Umuco—Amasomero

3. Isomero ry'Igihugu (National Library) 4. Isomero rya 'CEDOREP'

Ni isomero ry'Igihugu ryashinzwe mu mwaka 1989, ryakira inyandiko za Leta n'ibitabo byanditswe n'Abanyarwanda cyangwa bivuga ku Rwanda.



Ni isomero rifasha abantu bari mu bushakashatsi, abantu bashakagusa no kwandika, ...

Iri somero rifite umwihariko wo kuba hamwe n'Ishyamba ryandikwa ry'Igihugu (National Archives).

Ryakira abantu kuva ku wa Mbere kugera ku wa Gatanu mu gihe cy'amasaha y'akazi.

Rikorera mu nyubako ya MINUBUMWE.



Ni isomero ry'abihayimana rya 'CEDOREP', rizwi nko ku Badominkani. Ni isomero ryihariye ry'ubushakashatsi, rifite ibitabo bya kera (ibinyamakuru, ibitabo by'iyobokamana, ibitabo byanditswe n'abihayimana,...)

Rikora kuva ku wa Mbere kugera ku wa Gatanu (8am—5pm)

Ryakira abantu bose, kurigana ni ubuntu.

Ubukerarugend0: Amahoteli mashya

**Perezida Kagame na Masai Ujiri
bafunguye**

Zaria Court i Kigali



Iki gikorwa cyabereye i Remera, tariki ya 28 Nyakanga 2025. Cyitabiriwe kandi n'abarimo Minisitiri wa Siporo, Nelly Mukazayire n'U-muyobozi Mukuru wa Zaria Group, Andrew Feinsten.

Ubukerarugendo: Amahoteli mashya



Perezida Paul Kagame na Masai Ujiri bafunguye ku mugaragararo Zaria Court Kigali yuzuye itwaye miliyoni 25\$, asaga miliyari 36 Frw.

“Zaria Court Kigali” ni inyubako igizwe n’ibice bitandukanye birimo hoteli ifite ibyumba 80, ‘restaurants’, aho gufatira amafunguro n’ibinyobwa hejuru ku gisenge, gym, aho gukorera na studio y’ibiganiro.

Hari kandi ikibuga kiberamo imikino itandukanye, iserukiramuco, ibitaramo, isoko n’ibindi bikorwa. Irimo kandi iguriro rinini rizafasha abayituriye kubona ibyo bakeneye, kimwe n’abashyitsi.

Umuyobozi Mukuru wa Zaria Group, Andrew Feinsten, yashimiye Perezida Paul Kagame na Masai Ujiri bagize uruhare ngo ‘Zaria Court’ yubakwe i Kigali.

Imirimo yo kubaka ‘Zaria Court Kigali’ yari yatangijwe muri Kanama 2023 na Perezida Paul Kagame na Masai Ujiri.

Byibuze 90% y’ibyubatswe iyi nyubako ni ibikoreshe byo mu Rwanda, 10% gusa ni byo byavuye hanze y’u Rwanda.

Ubukerarugendo: Amahoteli mashya

Hoteli ya FERWAFA yatangiye gukora




‘FERWAFA Hotel’ yafunguwe tariki 30 Werurwe 2026, hari Minisitiri wa Siporo Nyakubahwa. Nelly Mukazayire na n’Umunyamabanga Mukuru wa FIFA, Bwana Mattias Grafström, yubatswe ku nkunga ya ‘FIFA Forward Program.’

Ubukerarugendo: Amahoteli mashya

Ni hoteli y'inyenyeri enye, igizwe n'ibyumba 88, ibyumba by'inama, n'amacumbi, ibiro, ikibuga. Yubatse mu mudugudu w'Amahoro, umurenge wa Remera, akarere ka Gasabo.

Ikibuga cy'umupira w'amaguru

Imbere yayo hari kubakwa ikibuga kizunganira Kigali Pelé Stadium ku mikino idafite abafana benshi kuko kizajya cyakira abantu 1000 gusa. Ni ikibuga kizajya cyakira imikino itadukanye (shampiyona, iya gishuti, imyitozo, ...)



Ibyumba by'inama

'FERWAFU Hotel' ifite ibyumba binini byagenewe inama zitandukanye, kandi ibyumba bifite ibikoresho bigezweho byo gutuma inama igenda neza. Ibyumba bisemurira abantu.

Ibyumba byo gukoreramo

'FERWAFU Hotel' ifite ibyumba byakwifashishwa nk'ibiro, ibyumba byo gukoreramo ku bantu bashaka ahantu bakorera.

Ibyumba byo kuriramo

'FERWAFU Hotel' ni hoteli yateganyije ibyumba binini byo kuriramo abantu benshi bayigana. Yaba ari amakipe ashaka gukoreramo ubusabane, ni ahantu hagari hazajya hakira abantu benshi.

Ikipe y'Igihugu y'Abatarengeje imyaka 17 ni yo yakiriwe bwa mbere muri iyi hoteli, ubwo yari iri kwitegura umukino, yahagiye mu rwego rw'umwiherero.

Yuzuye imaze imyaka 11 yubakwa. Yagombaga kuzura itwaye miliyoni 4 \$, ni ukuvuga arenga miliyari 4 Frw yari kuva ku baterankunga babiri b'ingenzi ari bo Ishyirahamwe rya Ruhago ku Isi, FIFA, n'iryo muri Maroc.

Ni hoteli izajya yakira n'abantu bose basanzwe bashaka kuhasohokera.



Edition Spéciale : RILFR

Rencontres Internationales du Livre Francophone 2026

Kigali a accueilli l'un des plus grands rendez-vous de la semaine consacrée aux professionnels du livre au Rwanda. Du 25 au 28 mars 2026, se sont tenues les Rencontres Internationales du Livre Francophone (#RILF2026), un événement incontournable pour les amoureux de la littérature en français, réunissant auteurs, éditeurs, libraires, lecteurs et passionnés de la francophonie.



Cette 5^{ème} édition avait pour thème : « La littérature comme fabrique de la citoyenneté ». À travers des échanges riches et inspirants, les participants ont exploré le rôle de la littérature dans la construction d'une société plus consciente, inclusive et engagée.

Parmi les auteurs et intervenants figuraient Hakim Bah, Capitaine Alexandre, Chantal Buseruka, Diane Chavelet, Jean-Michel Djian, Kayije Kagame, Virginie Karagirwa, Isabelle Kassi Fofana, Scholastique Mukasonga, Gus Mukurarinda, Dieudonné Niangouna, Dr Christian Ntizimira, Gisèle Pineau, Beata Umubyeyi Mairesse, Dominique Celis et Carole Karemera, entre autres.

Edition Spéciale : RILFR

Les tables rondes



Les rencontres ont été marquées par plusieurs tables rondes réunissant écrivains, intellectuels et acteurs de la société civile autour de thématiques majeures touchant à la littérature, à la mémoire, à la culture et à la citoyenneté. Ces échanges ont favorisé le dialogue et la réflexion

sur les défis contemporains.

Exposition des maisons du livre

Les Rencontres Internationales du Livre Francophone 2026 ont également accueilli plusieurs maisons d'édition, librairies et structures du livre qui ont présenté leurs publications. Cette exposition a mis en valeur la richesse et la diversité de l'édition rwandaise et francophone.



Parmi les exposants figuraient **Mudacumura Publishing, Izuba Editions, Bookshop Ikirezi, Imagine We Rwanda et Akitabu.**

En parallèle, le public a pu assister à des entretiens avec les auteurs, des masterclasses, des ateliers d'écriture, ainsi qu'à plusieurs interludes artistiques, notamment des lectures publiques, des performances et des projections, faisant de cette cinquième édition un véritable festival de la littérature francophone au Rwanda.

Africa 2025: New World Heritage Sites



Africa at UNESCO: Four New World Heritage Sites Inscribed in 2025

Africa gained four new UNESCO World Heritage Sites during the 47th session of the World Heritage Committee, held from 6 to 16 July 2025 at UNESCO Headquarters in Paris, France.

Among the 26 properties inscribed from 26 countries during the session, four are located in Africa, highlighting the continent's outstanding cultural and natural heritage and reinforcing global efforts to protect and promote its rich legacy for future generations.

The inscription of these sites is an important milestone for heritage conservation, sustainable tourism, and international recognition of Africa's diverse history, cultures, and landscapes.

The inscriptions made in 2025 not only enhance Africa's global visibility but also create new opportunities for heritage conservation, sustainable tourism, scientific research, education, community development, and international cooperation, ensuring that Africa's unique heritage continues to inspire and benefit future generations.

Africa 2025: New World heritage Sites.

1. Coastal and Marine Ecosystems of the Bijagós Archipelago—Omatí Minhô (Guinea-Bissau)



Coastal and Marine Ecosystems of the Bijagós Archipelago—Omatí Minhô was inscribed on the UNESCO World Heritage List in 2025 in recognition of its Outstanding Universal Value as one of the world's most important coastal and marine ecosystems.

Located off the Atlantic coast of Guinea-Bissau, the archipelago consists of a continuous series of marine, coastal, and intertidal ecosystems that remain among the best preserved in West Africa.

The Bijagós Archipelago is the only active deltaic archipelago along Africa's Atlantic coast and one of the few active deltaic archipelagos in the world. Its complex network of islands, mangroves, mudflats, estuaries, and tidal channels provides an exceptional natural environment that supports both biodiversity and the traditional way of life of the Bijagós people.

Outstanding Universal Value

The World Heritage Site is internationally recognized for its remarkable biodiversity and ecological importance. It is home to endangered species such as the Green sea turtle, Leatherback sea turtle, West African manatee, and several species of dolphins. Every year, more than **870,000 migratory shorebirds** use the archipelago as a vital resting and feeding ground during their migrations.

Its mangrove forests, mudflats, seagrass beds, and intertidal zones serve as important breeding and nursery habitats for fish, crustaceans, and marine wildlife. The site also supports rare plant species, large bird colonies, and diverse marine ecosystems that contribute to the ecological health of the West African coastline.

Among the islands, Poilão Island is one of the world's most significant nesting sites for Green Sea Turtles, attracting thousands of nesting females each year.

Conservation and Sustainable Tourism

The long-term protection of the Bijagós Archipelago depends on balancing biodiversity conservation with sustainable community development. Local communities have lived in harmony with these ecosystems for generations, and their knowledge and participation remain essential for protecting the site's natural and cultural heritage.

Conservation efforts should focus on:

- Protecting endangered wildlife and their habitats.
- Conserving mangrove forests and coastal ecosystems.
- Preventing illegal fishing and unsustainable resource exploitation.
- Promoting environmental education among local communities and visitors.
- Supporting scientific research and biodiversity monitoring.

